ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/MINICT/22 RYO KU WA 20/05/2022 RIGENA AMAFARANGA YISHYURWA KU RUHUSHYA RW'ITUMANAHO RIKORESHA UMURONGO WA RADIYO	MINISTERIAL ORDER N° 001/MINICT/22 OF 20/05/2022 DETERMINING RADIO COMMUNICATIONS LICENSE FEES	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINICT/22 DU 20/05/2022 FIXANT LES DROITS DE LICENCE DE COMMUNICATIONS RADIO
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** **UMUTWE WA II: AMAFARANGA YISHYURWA KU MPUSHYA** **Ingingo ya 3: Amafaranga yishyurwa** **Ingingo ya 4: Amafaranga y'ubusabe n'ayo kongerera agaciro** **Ingingo ya 5: Igihe cyo kwishyura amafaranga y'uruhushya buri mwaka** **Ingingo ya 6: Uwakira amafaranga**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Order** **Article 2: Definitions** **CHAPITER II: LICENSE FEES** **Article 3: Payable fees** **Article 4: Licence and renewal application fees** **Article 5: Time to pay annual license fee** **Article 6: Recipient of fees**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier : Objet du présent arrêté** **Article 2 : Définitions** **CHAPITRE II : DROITS DE LICENCE** **Article 3 : Frais payables** **Article 4 : Frais de demande et de renouvellement de licence** **Article 5 : Temps de payer les redevances annuelles** **Article 6 : Bénéficiaire des frais**

Ingingo ya 7: Imirongo isonewe	**Article 7: Exempted bands**	**Article 7 : Bandes exonérées**
Ingingo ya 8: Uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo rw'igihe kiri munsi y'umwaka	**Article 8: Radio communication license of less than one year**	**Article 8 : Licence de radiocommunication d'une durée inférieure à une année**
Ingingo ya 9: Impamvu zo guta agaciro k'uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo	**Article 9: Causes of termination of a radio communication license validity**	**Article 9 : Causes de fin de validité d'une licence de radiocommunication**
Ingingo ya 10: Igabanywa ry'ibiciro n'impamvu zishingirwaho	**Article 10: Reductions of fees and determining factors**	**Article 10 : Réductions des frais et facteurs déterminants**
Ingingo ya 11: Porogaramu zikoresha ingufu nke n'izitagera kure	**Article 11: Low power and low range applications**	**Article 11 : Applications de faible puissance et de faible portée**
UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 12: Repealing provision**	**Article 12 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 13: Commencement**	**Article 13 : Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/MINICT/22 RYO KU WA 20/05/2022 RIGENA AMAFARANGA YISHYURWA KU RUHUSHYA RW'ITUMANAHO RIKORESHA UMURONGO WA RADIYO	MINISTERIAL ORDER N° 001/MINICT/22 OF 20/05/2022 DETERMINING RADIO COMMUNICATIONS LICENSE FEES	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINICT/22 DU 20/05/2022 FIXANT LES DROITS DE LICENCE DE COMMUNICATIONS RADIO
Minisitiri w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya;	**The Minister of Information, Communication, Technology and Innovation;**	**Le Ministre de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation ;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176 ;
Ashingiye ku Itegeko n° 24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 20;	Pursuant to Law n° 24/2016 of 18/06/2016 governing Information and Communication Technologies, especially in Article 20;	Vu la Loi n° 24/2016 du 18/06/2016 régissant les Technologies de l'Information et de la Communication, spécialement en son article 20 ;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri nº 03/RURA/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena ibiciro by'impushya z'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo;	Having reviewed Ministerial Decree nº 03/RURA/2005 of 14/07/2005 determining fees for radio communications licenses;	Revu l'Arrêté Ministériel nº 03/RURA/2005 du 14/07/2005 sur les frais des licences de radiocommunication ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 19/02/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 19/02/2021;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 19/02/2021 ;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena amafaranga yishyurwa n'ufite uruhushya rw'itumanaho rikoresha radiyo hagamijwe guteza imbere ubukungu n'imicungire inoze y'impuzamirongo ya radiyo mu Rwanda.	This Order determines payable fees by a holder of radio communications license in order to promote economic growth and effective management of frequency spectrum in Rwanda.	Le présent arrêté détermine les frais payables par un titulaire d'une licence de radiocommunications dans le but de promouvoir une croissance économique et une gestion efficace des spectres radio au Rwanda.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2 : Définitions**
Muri iri teka, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:	In this Order, the following terms are defined as follows:	Aux fins du présent arrêté, les termes repris ci-après sont définis comme suit :
1º **itumanaho rigendanwa:** itumanaho rikoresha radiyo hagati y'amaradiyo agendanwa n'iminara cyangwa hagati y'amaradiyo agendanwa yo ubwayo;	1º **mobile service:** radio communication service between mobile and land stations or between mobile stations;	1º **service mobile :** service de radiocommunication entre des stations mobiles et des stations terrestres ou entre des stations mobiles ;
2º **sitasiyo y'itumanaho igendanwa:** sitasiyo y'itumanaho mu itumanaho rigendanwa yagenewe gukoreshwa mu itumanaho rigendanwa cyangwa ihagaze ahantu runaka;	2º **mobile station:** station in the mobile service intended to be used while in motion or during halts at unspecified points;	2º **station mobile :** station du service mobile destinée à être utilisée soit en mouvement soit au cours de haltes à des points indéterminés ;
3º sitasiyo iri hamwe: itumanaho ritagendanwa;	3º **fixed station:** a station in a fixed service;	3º **station fixe :** une station d'un service fixe ;

4º **ubugari bw'umurongo w'itumanaho:** ubugari bw'umuyoboro w'itumanaho ku buryo munsi y'umurongo w'itumanaho wo hasi no hejuru y'umurongo w'itumanaho wo hejuru harekurwa ingufu zingana n'ijanisha ryatanzwe β/2 ry'ingufu mpuzandengo zose z'itumanaho runaka; Usibye mu gihe byagaragajwe mu Inyandiko *ITU-R* ku isakazamajwi ryihariye, ingano ya *β/2* igomba kungana na 0.5%;	4º **occupied bandwidth:** the width of a frequency band such that, below the lower and above the upper frequency limits, the mean powers emitted are each equal to a specified percentage β/2 of the total mean power of a given emission; Unless otherwise specified in an ITU- R Recommendation for the appropriate class of emission, the value of β/2 should be taken as 0.5%;	4º **largeur de bande occupée :** largeur de la bande de fréquence telle que, au-dessous de sa fréquence limite inférieure et au-dessus de sa fréquence limite supérieure, soient émises des puissances moyennes égales chacune à un pourcentage donné β/2 de la puissance moyenne totale d'une émission donnée ; En l'absence de spécifications dans une Recommandation l'*UIT-R* pour la classe d'émission considérée, la valeur *β/2* devrait être égale à 0,5% ;
5º **Urwego Ngenzuramikorere:** urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro.	5º **Regulatory Authority:** national organ in charge of regulation of certain public utilities.	5º **Autorité de Régulation :** l'organe national chargé de la régulation de certains services d'utilité publique.
UMUTWE WA II: AMAFARANGA YISHYURWA KU MPUSHYA	**CHAPTER II: LICENSE FEES**	**CHAPITRE II : DROITS DE LICENCE**
Ingingo ya 3: Amafaranga yishyurwa	**Article 3: Payable fees**	**Article 3 : Frais payables**
Umuntu ufite uruhushya rw'itumanaho rikoresha radiyo yishyura amafaranga mu buryo bukurikira:	A holder of a radio communication license pays the following fees:	Un détenteur d'une licence de radiocommunication paye les frais suivants :

1º amafaranga y'isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya; 2º amafaranga yishyurwa buri mwaka y'ikoresha ry'umurongo w'itumanaho wa radiyo.	1º fee for evaluation of the application of a license; 2º annual fee related to the use of radio frequency channel.	1º des frais d'examen de la demande de licence ; 2º des redevances annuelles relatifs à l'utilisation du canal de fréquence radio.
Ingingo ya 4: Amafaranga y'ubusabe n'ayo kongerera agaciro uruhushya	**Article 4: Licence and renewal application fees**	**Article 4 : Frais de demande et de renouvellement de licence**
Amafaranga y'isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo yishyurwa rimwe.	Fees for evaluation of an application file for radio communication license are paid once.	Les frais d'évaluation d'un dossier de demande de licence de radiocommunication sont payés une fois.
Kongerera agaciro uruhushya ni ubuntu. Icyakora, iyo habayemo impinduka mu kongerera agaciro uruhushya, amafaranga y'ubusabe yishyurwa gusa kuri za sitasiyo nshya n'imirongo minshya.	License renewal is free of charge. However, in the event of modification in the value of the license, the initial application fee is only paid for the new stations and new frequencies.	Le renouvellement de la licence est gratuit. Toutefois, en cas de modification de la valeur de la licence, les frais de demande ne sont payés que pour les nouvelles stations et les nouvelles fréquences.
Iyo gusuzuma ubusabe bwo kongerera agaciro uruhushya bisaba ikindi kiguzi kirenze amafaranga yishyurwa mu isuzuma ry'ubusabe bw'ibanze, Urwego Ngenzuramikorere rusaba uwasabye urushushya kwishyura icyo kiguzi.	If the assessment of the application of license renewal implies more fees than the initial application fee, the Regulatory Authority requests the applicant to pay aditional fee.	Si l'évaluation de la demande de renouvellement de la licence implique plus de frais que les frais de la demande initiale, l'Autorité de Régulation demande au demandeur de payer des frais supplémentaires.
Ingingo ya 5: Igihe cyo kwishyura amafaranga y'uruhushya buri mwaka	**Article 5: Time to pay annual license fee**	**Article 5 : Temps de payer les redevances annuelles de licence**
Amafaranga y'uruhushya yishyurwa buri mwaka, yishyurwa bitarenze ku wa 20	The annual license fee is paid not later than 20th December of each year. The Regulatory	Les redevances annuelles de licence sont payées au plus tard le 20 décembre de chaque

Ukuboza, buri mwaka. Urwego Ngenzuramikorere rwohereza ufite uruhushya imenyeshamwenda mbere yo ku wa 15 Ugushyingo, buri mwaka.	Authority sends invoices to a licensee before November 15th of each year.	année. L'Autorité de Régulation émet des factures à l'attention d'un titulaire de licence avant le 15 novembre de chaque année.
Iyo uruhushya rutangiye kugira agaciro mu mwaka hagati, amafaranga yishyurwa ku mwaka abarwa hakurikijwe amezi asigaye ngo umwaka urangire. Igihe kigufi uruhushya rushobora kumara ni amezi abiri (2).	If the validity of a licence commences during the course of a year, the annual fee is calculated in proportion to the remaining months of the year. The minimum duration of a license is two (2) months.	Lorsque la validité d'une licence commence en cours de l'année, le montant de la redevance annuelle est calculé proportionnellement aux nombre de mois restants de cette année. La durée minimum d'une licence est de deux mois (2).
Ku basaba uruhushya rw'igihe gito, amafaranga yishyurwa ku mwaka abarwa hashingiwe ku gihe uruhushya ruzamara.	The annual fee, for applicants of a short time license, is calculated based on the duration of the license.	Pour les candidats demandant une licence de courte durée, la redevance annuelle est calculée en fonction de la durée de la licence.
Ingingo ya 6: Uwakira amafaranga	**Article 6: Recipient of fees**	**Article 6 : Bénéficiaire des frais**
Amafaranga ateganywa n'iri teka yishyurwa Urwego Ngenzuramukorere.	Fees provided by this Order are paid to the Regulatory Authority.	Les frais prévus par le présent arrêté sont payés à l'Autorité de Régulation.
Ingingo ya 7: Imirongo isonewe	**Article 7: Exempted frequency bands**	**Article 7 : Bandes exonérées**
Imirongo ikurikira isonewe kwishyura amafaranga y'isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya n'ayishyurwa buri mwaka:	The following frequency bands are exempted from payment of the application and annual fees:	Les bandes de frequences suivantes font l'objet d'exonération du paiement des frais de demande de licence et des redevances annuelles :
1º imirongo yahariwe gukoreshwa n'ingabo z'igihugu.	1º frequency bands used by the Army in its dedicated frequency bands;	1º des bandes de fréquences utilisées par l'armée sur les bandes de fréquence lui réservées;

2º imirongo yemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere mu mabwiriza yihariye.	2º frequency bands determined by the Regulatory Authority by means of special regulations.	2º des bandes de fréquence déterminées par l'Autorité de Régulation par voie des règlements particuliers.
Imirongo Inama Ngenzuramikorere yemeje ko itangwa hashingiwe ku cyamunara isonewe kwishyura amafaranga y'isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya.	Frequency bands that the Regulatory Board decides to assign via public auction is exempted from application fees.	Une bande de fréquence que le Conseil de Régulation décide d'assigner par voie de vente aux enchères publiques ne fait l'objet d'exonération que sur les frais de demande de licence.
Ingingo ya 8: Uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo rw'igihe kiri munsi y'umwaka	**Article 8: Radio communication license of less than one year**	**Article 8 : Licence de radiocommunication d'une durée inférieure à une année**
Uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo rw'igihe kiri munsi y'umwaka rutangwa hamaze kwishyurwa amafaranga adasubizwa y'isuzuma ry'ubusabe. Igihe uruhushya rwemewe gutangwa, amafaranga arutangwaho abarwa hashingiwe ku gihe ruzamara.	Granting of a radio communication license for a period of less than one year is subject to the prior payment of non refundable application fee. When the license is granted, the license fee is calculated on the basis of the license duration.	L'octroi d'une licence de radiocommunication d'une durée inférieure à une année est soumis au payement préalable des frais non remboursables de demande. Les frais de license sont calculés sur base de la durée de cette dernière.
Amafaranga make yishyurwa angana n'amezi abiri (2).	The minimum fee payable is equivalent to two (2) months.	Les frais minimum à payer sont équivalents à deux (2) mois.
Ingingo ya 9: Impamvu zo guta agaciro k'uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo	**Article 9: Causes of termination of a radio communication license validity**	**Article 9 : Causes de fin de validité d'une licence de radiocommunication**
Agaciro k'uruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo gashobora kurangira ku mpamvu imwe mu zikurikira:	The validity of a radio communication license may be terminated upon one of the following reasons:	La validité d'une licence de radiocommunication peut prendre fin pour l'une des causes suivantes :

1° ubushake bwa nyirarwo; 2° byemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere, mu gihe habayeho kutubahiriza amabwiriza akubiye mu ruhushya rwatanzwe.	1° the will of the license holder; 2° upon decision by the Regulatory Board, in case of violation of conditions provided for in the license.	1° la volonté de son titulaire ; 2° sur décision de l'Autorité de Régulation, en cas de violation des conditions de la licence .
Ingingo ya 10: Igabanywa ry'amafaranga yishyurwa n'impamvu zishingirwaho Impamvu zikurikira zishingirwaho mu kugabanya ry'amafaranga yishyurwa ku mpushya z'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo: 1º igabanywa ringana na mirongo inani ku ijana (80%) ry'amafaranga yishyurwa ari ku rutonde ruri ku mugereka w'iri teka rihabwa gusa abakoresha itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo ku mpamvu z'inyungu rusange bakorera mu Rwanda; 2º aho radiyo iherereye n'aho ishobora kugeza isakaza amajwi, nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe ziri ku mugereka w'iri teka.	**Article 10: Reductions of fees and determining factors** The following factors constitute the basis for reduction of fees for radio communication licenses: 1º eighty per cent (80%) reduction on fees listed in the Annex of this Order is granted to only radio communication systems exclusively used for the general interest services operating on the territory of the Republic of Rwanda; 2º location and coverage factors referred to in tables of the Annex to this Order.	**Article 10 : Réductions des frais et facteurs déterminants** Les facteurs suivants constituent la base de réduction des frais payables pour les licences de radiocommunication : 1º la réduction de quatre-vingt pour cent (80%) sur les frais repris dans l'annexe du présent arrêté est réservée à la radiocommunication exclusivement destinée aux services d'intérêt général opérant sur le territoire de la République du Rwanda ; 2º les facteurs locaux et de couverture tels que prévus aux tableaux de l'annexe du présent arrêté.

Ingingo ya 11: Porogaramu zikoresha ingufu nke n'izitagera kure	**Article 11: Low power and low range applications**	**Article 11 : Applications de faible puissance et de faible portée**
Rushingiye ku mbonerahamwe y'Igihugu yo gutanga imirongo ya radiyo no ku mabwiriza akurikizwa, Urwego Ngenzuramikorere rugena bande z'imirongo yagenewe gukoreshwa na porogaramu z'itumanaho zikoresha ingufu nke n'izitagera kure zisonerwa gusaba impushya no kwishyura amafaranga ajyanye na byo.	Based on the national table of frequency allocations, regulations and guidelines into force, the Regulatory Authority determines frequency bands which are dedicated to low-power and low-range applications exempted from licences applications and payment of related fees.	Sur base du tableau national d'attribution des fréquences, des règlements et directives, l'Autorité de Régulation détermine des bandes de fréquences réservées aux applications de faible puissance et de faible portée exonérées aux demandes de licences et aux payements des frais y relatifs.
Porogaramu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zikubiyemo ikoreshwa ry'ibikoresho bifite ingufu nke harimo nka telekomande, telefone zidacomekwa ku migozi, imiyoboro ya mudasobwa zikoreshwa ahatarenze aho zibarizwa zidacometse ku migozi n'ibindi bikoresho bikoreshwa mu ngo nk'ibikoreshwa mu gushyushya cyangwa gukonjesha inzu nyuma yo kwemezwa n'Urwego Ngenzuramikorere.	Applications referred to in Paragraph One of this Article include the use of low-power devices such as remote control, cordless phones, wireless local area computer networks and other devices used for home use such as heating or cooling houses as the Regulatory Authority may approve it.	Les applications visées à l'alinéa premier du présent article comprennent l'usage des outils de faible puissance notamment des télécommandes, des téléphones sans fil et réseaux locaux informatiques sans fil, et d'autres outils d'usage domestique comme ceux destinés à chauffer ou refroidir la maison après approbation de l'Autorité de Régulation.
Ibikoresho byemewe mu Rwanda bikorera muri bande z'imirongo zagenwe ni byo bishobora gukoreshwa muri porogaramu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	Equipment duly authorised in Rwanda operating in the specifically allocated frequency bands can be used for applications referred to in Paragraph One of this Article.	Les équipements dûment autorisés au Rwanda fonctionnant dans les bandes de fréquences spécifiquement attribuées peuvent être utilisés pour les applications visées à l'alinéa premier du présent article.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'iteka	**Article 12: Repealing of Order**	**Article 12 : Abrogation de l' arrêté**
Iteka rya Minisitiri nº 03/RURA/2005 ryo kuwa 07/14/2005 rigena ibiciro by'impushya z'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo rivanyweho.	Ministerial Decree nº 03/RURA/2005 of 14/07/2005 determining fees for radio communications licenses is repealed.	L'Arrêté Ministériel nº 03/RURA/2005 du 14/07/2005 sur les frais des licences de radiocommunication et abrogés.
Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 13: Commencement**	**Article 13 : Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 20/05/2022

(sé)

INGABIRE Paula
Minisitiri w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya
Minister of Information, Communication, Technology and Innovation
Ministre de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/MINICT/22 RYO KU WA 20/05/2022 RIGENA AMAFARANGA YISHYURWA KU RUHUSHYA RW'ITUMANAHO RIKORESHA UMURONGO WA RADIYO	ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N° 001/MINICT/22 OF 20/05/2022 DETERMINING RADIO COMMUNICATIONS LICENSE FEE	ANNEXE À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINICT/22 DU 20/05/2022 FIXANT LES DROITS DE LICENCE DE COMMUNICATIONS RADIO

Schedule of radio communications fees

Note: *The mention of a radio communications service in this Schedule does not guarantee that such service is available or authorised. Inquiries should be addressed to the Regulatory Authority.*

CATEGORY 1: MOBILE SERVICES	LICENCE APPLICATION FEES	ANNUAL LICENSE FEE
1.1. LAND MOBILE SERVICES (independent networks)		
BASE STATION OR RELAY STATION FOR LAND MOBILE SERVICES Commercial networks (paging, trunking, GSM, etc.): see category 6 Low-range networks: see category 5	**Per each base or relay station and per each assigned channel** *Whatever the number of mobile stations* **FRW 100,000** **See Note 1**	**See Note 2 and 3** **Per each assigned channel**: *Whatever the number of mobile stations* **Mobile private networks include non commercial trunking** FRW 300,000 per channel FRW 100,000 per base or relay station **Mobile stations only networks (without any base station or relay**) FRW 300,000 per channel **Private paging networks** per base or relay station FRW 150,000

CATEGORY 1: MOBILE SERVICES	LICENCE APPLICATION FEES	ANNUAL LICENSE FEE
1.2. AERONAUTICAL MOBILE SERVICES		
AERONAUTICAL STATION for air traffic control or for services to airlines or aero clubs	**Lump sum for all communications channels:** Per station: FRW 50,000	**Lump sum for all communications channels:** Per station: FRW 200,000
RADIONAVIGATION OR RADAR RADIODETECTION STATION	**Lump sum for all communications channels:** Per station: FRW 50,000	**Lump sum for all communications channels:** Per station: FRW 200,000
AIRCRAFT STATION registered in Rwanda	**Lump sum for all communications channels:** Per station: FRW 50,000	**Lump sum for all communications channels:** Per station: FRW 200,000

CATEGORY 2: FIXED SERVICES	LICENCE APPLICATION FEES	ANNUAL LICENSE FEE
Fixed Stations See Note 4	Per station, whatever the number of channels: FRW 50,000 Additional fee for International co-ordination: FRW 75,000	**For MF – HF frequency bands (0.3 – 30 MHz):** Transmitter output power < 1 kW: FRW 250,000 Transmitter output power > 1 kW: FRW 350,000

<table>
<tr><th>CATEGORY 2:
FIXED SERVICES</th><th>LICENCE APPLICATION FEES</th><th>ANNUAL LICENSE FEE</th></tr>
<tr><td>Point-to-point

<u>See Note 9</u></td><td>Per station, whatever the number of channels: FRW 50,000
Additional fee for International co-ordination: FRW 75,000

<table><tr><th colspan="2">Location Factor</th></tr><tr><td>LF[1] Urban =</td><td>1.0</td></tr><tr><td>LF[2] Semi Urban =</td><td>0.5</td></tr><tr><td>LF[3] Rural =</td><td>0.4</td></tr><tr><td>LF[4] Remote =</td><td>0.1</td></tr></table></td><td>Formula:
FF = {(RF * Band Fee) +∑ (N * link Fee * Location Factor)}
<table><tr><th>Band</th><th>Band Fee</th><th>Link Fee</th></tr><tr><td>≤ 8 000 MHz</td><td>FRW 250,000</td><td>FRW 125,000</td></tr><tr><td>8000 MHz <Band≤15 000 MHz</td><td>FRW 160,000</td><td>FRW 60,000</td></tr><tr><td>15 000 MHz<Band≤18 000 MHz</td><td>FRW 160,000</td><td>FRW 60,000</td></tr><tr><td>Above 18 000 MHz</td><td>FRW 120,000</td><td>FRW 40,000</td></tr></table>
<u>N</u>: is the number of transmitters using the assigned frequency channel
FF: Frequency fee
RF: Radio Frequency</td></tr>
<tr><td>Studio to transmitter link</td><td>Per station, whatever the number of channels: FRW 50,000

Additional fee for International co-ordination: FRW 75,000</td><td>FF = {(RF * Spectrum Fee) + ∑ (N * Equipment Fee * Location Factor)}
<table><tr><th>Location factor</th><th>Equipment fee</th><th>spectrum fee</th></tr><tr><td>urban =1</td><td rowspan="4">FRW 150,000</td><td rowspan="4">FRW 150,000</td></tr><tr><td>semi urban=0.5</td></tr><tr><td>Remote=0.4</td></tr><tr><td>Very remote=0.1</td></tr></table></td></tr>
</table>

<table>
<tr><th>CATEGORY 3: BROADCASTING</th><th>LICENCE APPLICATION FEES</th><th>ANNUAL LICENSE FEE</th></tr>
<tr><td>PRIVATE SOUND BROADCASTING STATION</td><td>Per station, whatever the number of channels: FRW 50,000</td><td>
<table>
<tr><th>Location</th><th>Location Factor</th></tr>
<tr><td>Kigali</td><td>1</td></tr>
<tr><td>Provinces</td><td>0.5</td></tr>
<tr><th>Power (ERP)</th><th>Coverage factor</th></tr>
<tr><td>P ≤ 100 W</td><td>1</td></tr>
<tr><td>100 < P<500</td><td>3</td></tr>
<tr><td>500 W≤P≤ 1000</td><td>4</td></tr>
<tr><td>1000 <P<2000</td><td>6</td></tr>
<tr><td>2000 and above</td><td>8</td></tr>
<tr><td>AM channel fee</td><td>FRW 2,000,000</td></tr>
<tr><td>FM channel fee</td><td>FRW 500,000</td></tr>
</table>
Formula: FF = (N * Location Factor*Coverage Factor* Channel fee)
Where:
<u>N</u>: is the number of frequency channels
</td></tr>
<tr><td>TELEVISION BROADCASTING SERVICES</td><td>Per station, whatever the number of channels: FRW 100,000</td><td>Formula: FF = ∑ (N * Location Factor*Channel fee)
<u>N</u>: is the number of frequency channels
<table>
<tr><td>Channel fee:</td><td>FRW 5,000,000</td></tr>
<tr><td>Location</td><td>Location factor</td></tr>
<tr><td>Kigali:</td><td>1</td></tr>
<tr><td>Province:</td><td>0.5</td></tr>
</table>
</td></tr>
</table>

CATEGORY 4: AMATEUR SERVICE	LICENCE APPLICATION FEES	ANNUAL LICENSE FEE
FIXED, MOBILE OR RELAY STATION	**Per station:** FRW 10,000	**Per station:** FRW 100,000

CATEGORY 5: SHORT RANGE APPLICATIONS	LICENCE APPLICATION FEES	ANNUAL LICENSE FEE
LOW POWER DEVICES *	***Exempted***	

CATEGORY 6 : COMMERCIAL SERVICES	LICENCE APPLICATION FEES	ANNUAL LICENSE FEE
PAGING	**Per base station and per assigned channel:** FRW 50,000	**Per base station:** FRW 10,000 **Per assigned channel:** FRW 250,000
TRUNKING NETWORKS	**Per base station and per assigned channel:** FRW 50,000	**Per base station:** FRW 10,000 **Per assigned channel:** FRW 1,000,000
MOBILE SERVICE **<u>See Note 5, 6 and 9</u>**	**Per network:** FRW 1,000,000	**5.1. CELLULAR** FF = (RF * Band Unit Fee) + ∑ (N * Transmitter Unit Fee *Location Factor)

Location factor	
Urban	1
semi urban	0.5
remote	0.4
very remote	0.1

Band	**Band unit fee**	**transmitter unit fee**
Band 900	FRW 9,020,369.00	FRW 27,061
Band 1800	FRW 9,020,369.00	FRW 27,061

<table>
<tr><th>CATEGORY 6 : COMMERCIAL SERVICES</th><th>LICENCE APPLICATION FEES</th><th>ANNUAL LICENSE FEE</th></tr>
<tr><td></td><td></td><td>
5.2. IMT SERVICES
FF = (RF * Band Unit Fee) +∑ (N * Transmitter Unit Fee *Location Factor)
<table>
<tr><th>Bands</th><th>Band unit fee</th><th>transmitter unit fee</th></tr>
<tr><td>all bands</td><td>FRW 9,020,369.00</td><td>FRW 27,061</td></tr>
</table>
N.B: Location factor same as for Cellular

5.3 TV WHITE SPACES
FF = ∑ (N * Band Unit Fee *Location Factor)
<table>
<tr><td colspan="2">Band Unit fee: FRW 500,000</td></tr>
<tr><td colspan="2">Location factor</td></tr>
<tr><td>Urban</td><td>1</td></tr>
<tr><td>semi urban</td><td>0.5</td></tr>
<tr><td>remote</td><td>0.4</td></tr>
<tr><td>very remote</td><td>0.1</td></tr>
</table>
</td></tr>
<tr><td>TERRESTRIAL FIXED LINKS</td><td>Per station, whatever the number of channels:
FRW 50,000</td><td>Same rate as Category 2</td></tr>
<tr><td>Satellite services</td><td colspan="2">Defined in the Satellites Regulations frequency</td></tr>
</table>

Notes

1. For planning purposes, the Regulatory Authority may limit either the emitted power or the antenna height, or both.

2. If a network uses several channels, the amount due for a given base or relay station is the indicated amount multiplied by the number of channels transmitted by this station. For networks without fixed stations, the indicated amount is multiplied by the number of used channels.

3. For duplex channels, the due amount for a given channel is the indicated amount multiplied by two (*the number of centre frequencies in each channel).*

4. By definition, fixed service networks include only fixed stations.

5. When frequency bands are segmented in channels, the occupied bandwidth is equal to the difference between the reference frequencies of two adjacent channels. Bandwidths are rounded to the upper number of units (1unit = 1MHz").

6. The Low Power Devices specifications and category will be determined by the Regulatory Board.

7. The number of assigned MHz is computed by adding the two bands (transmit mobile to fixed + transmit fixed to mobile). It is rounded to the upper tenth of MHz.

8. The definition criteria for discounts

a. Urban – Kigali metropolitan;
b. Semi urban as defined by the Ministry in charge of infrastructure (Rwanda Urban Development Program i.e. Rusizi, Rubavu; Nyagatare, Musanze, Muhanga and Huye;
c. Other settled areas in rural or remote location and along road networks connecting cities;
d. Very remote areas such as national parks, forests of the national electric grid.

9. Band unit fee for Cellular and IMT services

The band unit fee for cellular and IMT services must increase gradually over a 4 years period starting from the year of signature as follows:

Year	Band unit fee for 2G/3G and IMT
1	FRW 4,329,777
2	FRW 6,765,277
3	FRW 8,818,332
4	FRW 9,020,369

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 001/MINICT/22 ryo ku wa 20/05/2022 rigena amafaranga yishyurwa ku ruhushya rw'itumanaho rikoresha umurongo wa radiyo	**Seen to be annexed to Ministerial Order n° 001/MINICT/22 of 20/05/2022 determining radio communications license fees**	**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 001/MINICT/22 du 20/05/2022 fixant les droits de licence de communications radio**

Kigali, 20/05/2022

(sé)

INGABIRE Paula
Minisitiri w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya
Minister of Information, Communication, Technology and Innovation
Ministre de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux